REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 25/04/2019

N^{O} .....016...NJYA/2019

SOUTHERN PROVINCE
RECEPTION
DATE..... 08 APR 2019.....
SIGNATURE:.....

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

NYANZA

Impamvu: Kubagezaho ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 29 Werurwe 2019

Bwana Guverineri,

Mbandikiye ngirango mbagezeho ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Kibeho mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil Regina Pacis ku wa 29 Werurwe 2019, yitabiriwe n'Abajyanama 25 kuri 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'iyi baruwa

Mugire amahoro.

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

1. Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
   KIGALI
2. Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
   NYARUGURU

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYARUGURU
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KUWA 29/03/2019.

INTANGIRIRO

Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye kuwa 29 Werurwe 2019 iyobowe na Perezida wayo Bwana MUNGWAKUZWE Yves, yitabiriwe n'Abajyanama 25 kuri 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere.

Inama yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere; yari yatumiwemo kandi n'Abayobozi b'amashami ku Karere, ba Perezida n'Abacungamutungo b'Imirenge SACCO bo mu Karere ka Nyaruguru.

Abajyanama bitabiriye Inama Njyanama ni aba bakurikira:

1. Umujyanama MUNGWAKUZWE Yves
2. Umujyanama MURERAMANZI Jerôme
3. Umujyanama KAMPOGO Dative
4. Umujyanama BAKANTWARI Chantal
5. Umujyanama HABITEGEKO François

6. Umujyanama BAYINGANA Wellars
7. Umujyanama DUSABE Marie Josée
8. Umujyanama GASHEMA Janvier
9. Umujyanama HABIMANA Thadée
10. Umujyanama KAYIRANGWA Beathe
11. Umujyanama KAYITESI Colette
12. Umujyanama KAYITSINGA Jean Marie Vianney
13. Umujyanama MUKAMABANO Agnès
14. Umujyanama MUKAMUZIMA Faina
15. Umujyanama MURERA Sylvain
16. Umujyanama UWIRINGIYIMANA Françoise
17. Umujyanama NSHIMIYIMANA Jean Claude
18. Umujyanama Dr SINDAYIGAYA Samuel
19. Umujyanama MUTIGANDA Innocent
20. Umujyanama NSANZIMANA Ildephonse
21. Umujyanama NYIRABAHINYUZA Mediatrice
22. Umujyanama NYIRAKAMONDO Cathérine
23. Umujyanama NYIRAKANYANA Marie Claire
24. Umujyanama REMEZO Boniface
25. Umujyanama SEMANZI Védaste

Abajyanama batitabiriye inama bafite ampamvu

1. Umujyanama MURWANASHYAKA Emmanuel
2. Umujyanama MUTANGANA David
3. Umujyanama RUGIRABAGANWA Domitien

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 28/12/2018 n' idasanzwe yo kuwa 13/02/2019;
2. Gusuzuma ibyifuzo by 'amakomisiyo na komite ngenzuzi;

3. Gusuzuma ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 28/12/2018 n'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 13 Gashyantare 2019,
4. Gusuzuma aho imihigo y'umwaka wa 2018/2019 igeze ishyirwa mu bikorwa;
5. Gusuzuma imikoreshereze y' ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya kabiri n'icya gatatu 2018/2019;
6. Gusuzuma inyandiko zandikiwe Inama Njyanama;
7. Kuvugurura Biro z'amakomisiyo hashingiwe ku ngingo ya 33 iri mu Iteka rya Minisitiri N°002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;
8. Ibindi

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe hejuru abagize Inama Njyanama y'Akarere bafashe ibyemezo bikurikira:

Icyemezo cya mbere

Mu bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama bemeje inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 28/12/2018; idasanzwe yo kuwa 13/02/2019; iz'amakomisiyo z'igihembwe cya gatatu n'iya komite ngenzuzi.

Icyemezo cya kabiri:

Hashingiwe ku bibazo byagaragajwe na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, n'ibisobanuro byatanzwe n'abashinzwe imicungire ya SACCO (Ba perezida n'abacungamutungo) aho bose bagaragaje ko imicungire ya SACCO z'Imirenge irimo ibibazo,

Mu bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama bemeje ko icyo kibazo gikurikiranwa mu buryo bwihuse, maze basaba Komite Nyobozi kukigaragariza inzego zibifitiye ububasha (RCA na BNR) kugira ngo SACCOs zikorerwe ubugenzuzi mu buryo bwimbitse, abazagaragarwaho imicungire mibi bakabihanirwa hakurikijwe amategeko.

Icyemezo cya gatatu:

Hashingiwe ku cyifuzo cya komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'ubukungu mu Nama Njyanama, yasuye abaturage b'Umurenge wa Kibeho kuwa 22/03/2019 bakayigaragariza ibibazo bafite bishingiye ku butaka,

Nyuma yo kugaragara ko abaturage bafite ubutaka bw' ahazagurirwa Ingoro ya Bikirimariya batemererwa kubwubakaho kandi bakaba batarahawe ingurane yabwo,

Abitabiriye Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye, bemeje ko Komite Nyobozi yihutira gukorera ubuvugizi abaturage bafite ubutaka bugaragara mu gishushanyo mbonera cy'umujyi w'Akarere ka Nyaruguru ko buzagurirwaho Ingoro ya Bikirimariya mu Murenge wa Kibeho kugira ngo bagurirwe cg bahabwe ingurane.

Icyemezo cya kane

Mu bwumvikane buseseye abitabiriye Inama Njyanama bemeje ko ingingo ya kane yari ku murongo w'ibyigwa *"Gusuzuma aho imihigo y'umwaka wa 2018/2019 igeze ishyirwa mu bikorwa"* izasuzumwa mu Nama Njyanama itaha; buri komisiyo imaze gusesengura imihigo iri mu nkingi yayo .

Icyemezo cya gatanu:

Abitabiriye Inama Njyanama bashingiye ku ibaruwa ya TWAGIRAYEZU Jean yo kuwa 14/03/2019 yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amumenyesha ko asezeye ku nshingano zo kuba Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere kuko icyatumaga aba mo ari uko yari umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere ka Nyaruguru none akaba yarasezeye kuri uwo mwanya ku mpamvu ze bwite,

Mu bwumvikane busesuye bemeje ubwegure bw'Umujyanama TWAGIRAYEZU Jean wari mu Nama Njyanama.

Icyemezo cya gatandatu:

Abitabiriye Inama Njyanama bashingiye ku ibaruwa ya KIGASALI GENERAL SUPPLY LTD yo kuwa 06/03/2019 yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amusaba kurenganurwa k'ubwo kudahabwa uburenganzira bwo kubaka uruganda rutonora ikawa yifuzaga kubaka mu Murenge wa Ruramba,

Mu mbwumvikane busesusye bemeje ko icyo kibazo gikurikiranwa na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu mu Nama Njyanama ikazagitangira raporo mu Nama Njyanama itaha.

Icyemezo cya karindwi:

Hashingiwe ku rwandiko N° 0060/07.02 rwo kuwa 02/02/2018 Umuyobozi w'Intara y'Amajyepfo yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amusaba gukurikirana ikibazo cy'Umuryango wa SHABUTWA uhagarariwe na SAFARI Jean,

Abitabiriye Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu mu Nama Njyanama ikurikirana ikibazo cy'isambu y'abo mu muryango wa SHABUTWA bakazagitangira raporo mu Nama Njyanama itaha.

Icyemezo cya munani

Abitabiriye Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ko Komite Nyobozi isesengura ishingiro ry'ubusabye bw'abayigejejeho ibibazo bakurikira:

1. MBAZABANDI Mathilde wo mu Murenge wa Ruramba wandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa imisoro kuko ubucuruzi yakoraga bwahombye.
2. Koperative ABANYAMURAVA yo mu Murenge wa Rusenge yasabye gutizwa ikibanza cyo kubakamo udutara two gucururizaho umusaruro wa koperetive, icyo kibanza cy'Akarere giherereye mu mudugudu wa Kalimba : Akagali ka Raranzige mu Murenge wa Rusenge.
3. MUKAMANA Alphonsine utuye mu Murenge wa Mata mu Kagari ka Nyamabuye wandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa amafaranga kugira ngo abashe kubona icyangombwa cy'ubutaka, avuga ko ari mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe akaba ntabushobozi afite kwo kubona amafaranga ibihumbi makumyabiri na bitanu 25,000 yasabwe.
4. KAREMERA Venant utuye mu Murenge wa Ruramba Akagari ka Ruramba, yanditse asaba gukurirwaho imisoro y'ubutaka kubera ko ubutaka bwe bufite UPI 2/03/13/05/3037 bubarwa nk'aho bwose butuweho ariko avuga ko burimo ibice bitatu: aho gutura; ahahingwa , n'ahateye ishyamba.

Icyemezo cya cyenda:

Hashingiwe ku ibaruwa No 230/07.02.03 yo kuwa 06/02/2019 Umuyobozi w'Akarere yandikiye, Perezida w'Inama Njyanama amusaba kwemeza abagize Inama y'Ubutegegetsi ya Farumasi y'Akarere, kuko abari bayigize mandat yabo yarangiye;

abitabiriye Inama Njyanama bemeje abagize Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere .

Abejwe ni aba bakurikira:

N°	Amazina	Urwego aturukamo	Icyo akora
1	Bwana UZARAZI Evode	Ishami ry'ubuzima mu Karere	Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karerere
	Bwana NIYIBIZI Sylvestre	Amadini afite ibikorwa	Umuyobozi wa Cartas/ Diyoseze

2		by'ubuzima mu Karere	ya Gikongoro
3	Bwana DUHUJINSEKO Aimée	Ikigo cy'ubwishinzi bw'indwara mu Karere	Umuyobozi wa RSSB mu Karere
4	Madamu HATEGEKIMANA Patricie	Urwego rw'abikorera	Visi Perezida wa kabiri mu rugaga rw'abikorera mu Karere
5	Bwana NTAGANIRA Valens	Komite z'Ibigo Nderabuzima	Umuyobozi w'ikigo Nderabuzima cya Ngoma
6		Ibitaro bya Munini	Umuyobozi w'Ibitaro
7	Bwana MUTIGANDA Innocent	Inama Njyanama y'Akarere	Ashinzwe kugenzura amasoko mu Kigo k'Igihugu Gishinzwe Gutanga Amsoko ya Leta (RPPA)
8	Bwana SIMBIZI Mathieu	Farumasi y'Akarere	Umuyobozi wa Farumasi y'Akarere

Icyemezo cya cumi :

Mu bwumvikane busesuye abagize Inama Njyanama bemeje ivugururwa rya Biro z'amakomisiyo hashingiwe ku ngingo ya 33 iri mu Iteka rya Minisitiri N°002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage:

1. Komisiyo y'Imiyoborere Myiza:

- Bwana REMEZO Boniface yatorewe kuba Perezida wa Komisiyo
- Madamu UWIRINGIYIMANA Françoise yatorewe kuba Umunyamabanga wa Komisiyo

2.Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu:

- Bwana KAYITSINGA Jean Marie Vianney yatorewe kuba Perezida wa Komisiyo;
- Bwana BAYINGANA Wellars yatorerwe kuba Umunyamabanga wa Komisiyo

3. Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage

- Madamu NYIRAKANYANA Marie Claire yatorerwe kuba "Presidente" wa Komisiyo
- Bwana NSHIMIYIMANA Jean Claude yatorerwe kuba Umunyamabanga wa Komisiyo

Umusozo:

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasoje ashimira Abajyanama n'abandi bose bitabiriye Inama Njyanama ku bwitange bagaragaje mu migendekere myiza y'inama.

Umwanditsi w'Inama:

KAMPOGO Dative

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'Inama:

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 29.04.2019
N° 1212/07-02

INTARA Y'AMAJYEPFO
BP 41 NYANZA
TEL 252533385 FAX 252 533380
E-mail: south@southernprovince.gov.rw

NYARU... DATE OF ...
02 MAY 2019
Received by ... Registration No ... To be Registered
Njyanama
1432

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru
NYARUGURU

Impamvu: Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama

Bwana Perezida,

Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yateranye ku wa 29.03.2019 byatugezeho biherekejwe n'ibaruwa No 016NJYA/2019 yo ku wa 05.04.2019; Turabashimira ibyemezo byafatiwe muri iyo nama, tukaba tunabasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Tubashimiye uko mubyakiriye.

CG Emmanuel K. GASANA
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  INTARA Y'AMAJYEPFO